# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

UKWAKIRA 2025

## UKWEZI KWAHARIWE URUHARE RW'UMUTURAGE MU IGENAMIGAMBI N'INGENGO Y'IMARI YA 2026-2027 KU RWEGO RW'IGIHUGU KWATANGIRIJWE MU KARERE



SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 8

## CYANIKA- UMUNSI MPUZAMAHANGA W'IBIRIBWA KU RWEGO RW'IGIHUGU WIZIHIJWE HATERWA IBITI BY'IMBUTO ZIRIBWA



SOMA PAJI YA 14

## ABASENATERI BAGENZUYE UKO AKARERE GASHYIRA MU BIKORWA INGAMBA ZO GUKUMIRA NO KURWANYA IMPANUKA





SOMA PAJI YA 4

## UMUNSI MPUZAMAHANGA W'ABAGEZE MU ZABUKURU WIZIHIJWE BASHIMIRWA

## UKWEZI KWAHARIWE URUHARE RW'UMUTURAGE MU IGENAMIGAMBI N'INGENGO Y'IMARI YA 2026-2027 KU RWEGO RW'IGIHUGU KWATANGIRIJWE MU KARERE



***Umunyamabanga wa Leta muri MINALOC, Honorable KAYISIRE atangiza ibikorwa by'Ukwezi kwahariwe uruhare rw'umuturage mu Igenamigambi n'ingengo y'imari ya 2026/2027***

Ku wa 14 Ukwakira 2025, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Honorable KAYISIRE Marie Solange ari kumwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI, yifatanyije n'Ubuyobozi bw'Akarere hamwe n'abaturage mu gutangiriza ku rwego rw'Igihugu mu Murenge wa Kibilizi, Ukwezi kwahariwe uruhare rw'umuturage mu Igenamigambi n'ingengo y'imari ya 2026/2027.

Iki gikorwa cyatangijwe n'imurikabikorwa rito.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko Akarere ka Nyamagabe kiyemeje guha agaciro ibyifuzo by'abaturage aho mu myaka y'ingengo y'imari 3 ishize hakozwe ibikorwa byinshi bari bifuje ko bijya mu ngengo y'imari birimo kubaka ibyumba by'amashuri n'amasoko, gukora imiyoboro y'amazi n'iy'amashanyarazi n'ibindi.

Minisitiri KAYISIRE yashimye uruhare rw'abaturage mu Igenamigambi ry'Akarere. Yasabye buri wese kugira uruhare rusesuye mu iterambere ry'Akarere.

Yaragize ati: "Iterambere ry'Akarere rihera mu miryango yanyu. Murasabwa gukora cyane kugira ngo murigereho. Imbaraga muzashyira mu murimo ni zo zizatuma Igihugu gitera imbere."

Yabijeje ko Leta izakomeza gufasha abaturage mu bikorwa batishoborera birimo ibikorwaremezo nk'amavuriro, amashanyarazi, amazi n'ibindi."



***Mu gutangiza Ukwezi kwahariwe uruhare rw'umuturage mu Igenamigambi n'ingengo y'imari ya 2026/2027 byabanjirijwe n'imurikabikorwa rito***



***Hakiriwe ibitekerezo abaturage bifuza ko byajya mu igenamigambi n'ingengo y'imari ya 2026/2027 bigera kuri 17***

## ABAKOZI BASHINZWE UBUREZI MU MIRENGE BAHAWE AMAHUGURWA ABONGERERA UBUMENYI KU BIJYANYE N'IBIPIMO NGENDERWAHO BYA SERIVISI MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO



***Visi Meya UWAMARIYA mu gutangiza amahugurwa yatanzwe na NCDA***

Ku wa 06 Ukwakira 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yafunguye amahugurwa yari agamije kongerera ubumenyi abakozi bashinzwe Uburezi mu Mirenge ku bijyanye n'ibipimo ngenderwaho bya serivisi mbonezamikurire y'abana bato (ECD Standards).



***Abakozi bashinzwe Uburezi mu Mirenge bahawe amahugurwa ku bijyanye n'ibipimo ngenderwaho bya serivisi mbonezamikurire y'abana bato (ECD Standards).***

Visi Meya UWAMARIYA yavuze ko aya mahugurwa aje akenewe kuko wasangaga hagaragara icyuho mu bashinzwe kwita ku marerero yo mu ngo (Home Based ECDs) n'abashinzwe Uburezi mu Mirenge kandi bose bafite inshingano zo kwita ku mikurire myiza y'umwana.

Yaragize ati: "Aya mahugurwa aziye igihe kuko wasangaga hari icyuho kigaragara hagati y'abashinzwe kwita ku marerero yo mu ngo n'abashinzwe Uburezi mu Mirenge kandi bose bafite inshingano zo kwita ku mikurire myiza y'umwana. Nyuma y'aya mahugurwa twizeye ko iki cyuho kizavaho."



***Visi Meya UWAMARIYA yizeye ko icyuho cyagaragaraga hagati y'abakozi bashinzwe Uburezi mu Mirenge n'abita ku marerero yo mu ngo kigiye kuvaho***

Imbonezamikurire y'abana bato ari yo ECD (Early Childhood Development), ni urusobe rwa serivisi zinyuranye zihabwa umwana kuva agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu hagamijwe ko akura neza mu gihagararo, mu bwenge, mu mibanire n'abandi, mu mbamutima, mu mutekano kandi uburenganzira bwe bukabungabungwa.

# UMUNSI MPUZAMAHANGA W'ABAGEZE MU ZABUKURU WIZIHIJWE BASHIMIRWA



*Meya NIYOMWUNGERI mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'abageze mu Zabukuru mu Cyanika*

Ku wa 07 Ukwakira 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Cyanika mu Munsi Mpuzamahanga w'Abageze mu Zabukuru ku rwego rw'Akarere wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Twite ku bageze mu Zabukuru, dutegure ahazaza heza h'abakiri bato, ni inkingi mu iterambere rirambye."

Meya NIYOMWUNGERI yashimiye abageze mu zabukuru ku murage mwiza baha abana babo.

Yaragize ati: "Turabizi ko abageze mu zabukuru mugifite imbaraga zo gukorera Igihugu kandi muragikunda. Muri ishingiro ry'amateka yacu. Ni mwe mwadutoje indangagaciro. Ni mwe kandi mwaduhaye umurage w'ubunyangamugayo no gukunda Igihugu. Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda yo kurengera abantu bose by'umwihariko abageze mu zabukuru. Benshi muri mwe muhabwa inkunga y'ingoboka izwi nk'akabando. Leta yayishyizeho kuko izi neza ko abageze mu zabukuru baba batagifite imbaraga z'umubiri zo gukora kandi abayifata, irabafasha iminsi ikicuma."

Ibirori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Abageze mu Zabukuru wabereye ku rwego rw'Akarere mu Murenge wa Cyanika, wasojwe no kuremera abageze mu zabukuru batishoboye aho bamwe bagabiwe inka, abandi bishyurirwa umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza (MUSA) w'umwaka wa 2025-2026.



*Abageze mu zabukuru barashimiwe*



*Meya NIYOMWUNGERI mu gikorwa cyo kuremera abageze mu zabukuru bo muri Cyanika*

# MU KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMUGORE WO MU CYARO, ABAGORE N'ABAGABO BASABWE GUKORERA HAMWE



*Mu Murenge wa Uwinkingi habereye Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro*

Ku wa 15 Ukwakira 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Uwinkingi mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro.

Ibi birori byabanjirijwe n'imurikabikorwa rito aho abagore bo muri uyu Murenge bagaragaje aho bageze biteza imbere.



*Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro byabanjirijwe n'imurikabikorwa rito*

Visi Meya UWAMARIYA wari Umushyitsi Mukuru muri ibi birori, yavuze ko Akarere kazakomeza kwita ku kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye.

Yasabye abagore n'abagabo gushyira hamwe bahereye mu muryango.

Yaragize ati: "Murasabwa gukorera hamwe kugira ngo imiryango yanyu itere imbere. Murasabwa kandi kwirinda amakimbirane mu miryango, ubuharike n'ubushoreke.

By'umwihariko murasabwa guha uburere bwiza abana banyu kuko ari bo shingiro ry'umuryango."




*Visi Meya UWAMARIYA yasabye abagabo n'abagore bo muri Uwinkingi gukorera hamwe mu rwego rwo guteza imbere iimiryango yabo*

Muri ibi birori abagore bahize abandi mu bikorwa bitandukanye biteza imbere umuryango barashimwe.

Bamwe bahawe ibiryamirwa n'ibyo kwiyorosa, abandi bagabirwa amatungo magufi.



*Abagore bahize abandi mu kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye muri Uwinkingi barashimiwe*

# ABAKOZI B'AKARERE BAHAWE AMAHUGURWA KU KUBUNGABUNGA UBUZIMA BWO MU MUTWE




***Abakozi b'Akarere bitabiriye amahugurwa yo kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe***

Ku wa 16 Ukwakira 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yafunguye amahugurwa ku kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe yahawe bamwe mu bagize Inzego z'Umutekano mu Karere, abayobozi b'Amashami mu Karere na bamwe mu bakozi bakorera ku rwego rw'Akarere.

Amahugurwa yateguwe ku bufatanye bw'Akarere na ARCT RUHUKA, umufatanyabikorwa w'Akarere mu bikorwa binyuranye birimo isanamitima.

Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko umuntu adashobora gukora akazi ke neza mu gihe adatuje.

Yaragize ati: "Ntabwo umukozi ashobora gukora akazi ke neza mu gihe adatuje. Birakwiye ko abungabunga neza ubuzima bwo mu mutwe bwe kuko bituma anatanga serivisi nziza."

Amahugurwa ku kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe, yatanzwe mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga Wahariwe Kwita ku Buzima bwo mu Mutwe wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Ibibazo byo mu mutwe biravurwa bigakira, dufashe ababifite kwivuza kare kandi neza".





***Meya NIYOMWUNGERI yafunguye amahugurwa ku kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe***




***Abakozi b'Akarere bitabiriye amahugurwa ku kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe mu mukoro ngiro***

## RFI IGIYE GUFASHA AKARERE MU GUTAHURA ABAGABO BATERA INDA ABANGAVU BAKABIHAKANA




***Visi Meya UWAMARIYA atangiza ubukangurambaga bwiswe "Sobanukirwa RFI 2025"***

Ku wa 09 Ukwakira 2025, Ikigo cy'u Rwanda cy'Ibimenyetso bya Gihanga Bikoreshwa mu Butabera (RFI), cyakoreye mu Karere ubukangurambaga bwiswe "Sobanukirwa RFI 2025".

Ubu bukangurambaga bugamije gusobanurira abaturage serivisi iki Kigo gitanga hagamijwe ko habaho ubutabera bunoze.



***Abahagarariye Ingabo na Polisi bari mu bitabiriye ubukangurambaga bwiswe "Sobanukirwa RFI 2025"***

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA watangije ubu bukangurambaga, yavuze ko serivisi zitangwa n'iki Kigo zizorohereza Inzego z'Ibanze mu gufasha abaturage no guha abana uburenganzira bwabo.

Yaragize ati: "Kimwe mu bibazo twahuraga na byo, ni uko abana babyawe n'abangavu batabonaga ba se, cyangwa bakabihakana.

Ubu rero RFI izadufasha kubarenganura, bityo babone ababyeyi babo bombi kuko ari uburenganzira bwabo. Bizadufasha kandi kubonera ubutabera abangavu bazaba batewe inda."

Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Serivisi zo Gupima Imibiri y'Abitabye Imana muri RFI, Dr. Innocent NKURUNZIZA, yasabye Abayobozi bo mu Karere gushishikariza abaturage kubungabunga ibimenyetso kugira ngo bibafashe mu kubona ubutabera bwihuse.

Zimwe muri serivisi RFI itanga zirimo gupima uturemangingo ndangasano, gupima ibiyobyabwenge mu mubiri w'umuntu, gupima ibinyobwa n'imiti bitemewe, gupima imikono n'inyandiko hagamijwe kugaragaza umwimerere wabyo mu gukemura impaka n'ibindi byinshi.

RFI irateganya gufungura ishami mu Karere ka Huye rizafasha abaturage bo mu Turere twa Huye, Gisagara, Nyamagabe na Nyaruguru mu kubona serivisi z'ubutabera zihuse.

# UMUNSI MPUZAMAHANGA W'IBIRIBWA KU RWEGO RW'IGIHUGU WIZIHIJWE MU KARERE HATERWA IBITI BY'IMBUTO ZIRIBWA MURI GSNDP CYANIKA



***Minisitiri wa MINAGRI, Dr. CYUBAHIRO yifatanyije n'Akarere mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ibiribwa haterwa ibiti by'imbuto ziribwa muri GSNDP Cyanika***

Ku wa 24 Ukwakira 2025, Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda, Dr. Mark Cyubahiro BAGABE ari kumwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI, abaterankunga baturutse mu Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Ibiribwa ku Isi (FAO) n'abandi, bifatanyije n'ubuyobozi bw'Akarere hamwe n'abaturage b'Umurenge wa Cyanika mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ibiribwa ku rwego rw'Igihugu.

Kwizihiza uyu Munsi Mpuzamahanga byaranzwe ahanini no gutera ibiti by'imbuto ziribwa by'umwihariko avoka muri Groupe Scolaire Notre Dame de la Paix Cyanika (GSNDP Cyanika).

Minisitiri BAGABE yabwiye abanyeshuri bo muri ibi bigo ko ntawe ushobora kubaho atariye.

Yaragize ati: "Umuntu ntashobora kubaho atariye. Aba agomba kandi kurya ibirimo ibitera imbaraga, ibyubaka umubiri n'ibirinda indwara."

Yabijeje ko nibajya mu biruhuko buri wese azahabwa urugemwe rwa avoka azatera iwabo.

Yaragize ati: "Nimuva hano, buri wese azahabwa urugemwe rwa avoka azatera iwabo. Muzazikurikirane neza kugira ngo zizatange umusaruro."



***Minisitiri wa MINAGRI, Dr. CYUBAHIRO yemereye abanyeshuri bo muri GSNDP Cyanika n'abo muri GS Saint Nicolas ingemwe za avoka zo gutera iwabo***

Minisitiri wa MINAGRI yasabye abahinzi n'aborozi kongera imbaraga mu bikorwa bigamije kuzamura umusaruro.

Yaragize ati: "Turasaba abahinzi kongera imbaraga mu kuzamura umusaruro hitabwa ku gufumbira imyaka, kuyibagara no kurwanya indwara ndetse n'ibyonnyi biyangiza. Aborozi namwe murasabwa kongera umusaruro ukomoka ku bworozi, murushaho kwita ku matungo kandi mukayashyira mu bwishingizi"

Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ibiribwa ku rwego rw'Igihugu byaranzwe kandi no gutanga amatungo maremare n'amagufi ku baturage, guha indyo yuzuye abana bo mu ngo mbonezamikurire y'abana bato (Home Based ECDs) n'ibindi.

# ABAJYANAMA B'IMIBEREHO MYIZA N'ITERAMBERE BASABWE KUGIRA URUHARE MURI GAHUNDA Y'AKARERE IGAMIJE KUVANA ABATURAGE MU BUKENE (NYAMAGABE GIRA WIGIRE)



***Meya NIYOMWUNGERI mu mahugurwa kuri gahunda ya 'Nyamagabe Gira Wigire'***

Ku wa 20 Ukwakira 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yafunguye amahugurwa y'iminsi 2 kuri gahunda ya 'Nyamagabe Gira Wigire' igamije kuvana abaturage mu bukene.

Aya mahugurwa yahawe abakozi bashinzwe Imibereho Myiza mu Mirenge n'Abajyanama b'Imibereho Myiza n'Iterambere (Parasocial Workers), yateguwe ku bufatanye bw'Akarere n'umufatanyabikorwa muri gahunda ya 'Nyamagabe Gira Wigire' ari we BRAC Ultra-Poor Graduation Initiative.

Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko nyuma y'aya mahugurwa buri wese akwiye kwiha intego yo kugira uruhare rufatika mu kuvana abaturage mu bukene.

Yaragize ati: "Nyuma y'aya mahugurwa mugomba kugira uruhare rufatika mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda kuko muzaba mufite ubumenyi buhagije."

'Nyamagabe Gira Wigire', ni gahunda y'Akarere igamije kuvana abaturage mu bukene. aho bahuzwa n'amahirwe atandukanya.

Kugeza ubu imiryango ibihumbi 12 yo mu Mirenge yose igize Akarere uko ari 17, ni bo barebwa n'iyi gahunda ishyirwa mu bikorwa ku bufatanye bw'Akarere na BRAC Ultra-Poor Graduation Initiative.



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye aba Parasocial Workers kugira uruhare muri gahunda ya 'Nyamagabe Gira Wigire'***



***Amahugurwa kuri gahunda ya 'Nyamagabe Gira Wigire' yahawe abarimo Abajyanama b'Imibereho Myiza n'Iterambere***



***Amahugurwa kuri 'Nyamagabe Gira Wigire' yatanzwe n'abakozi ba BRAC- UPGI***

# UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI K'UKWAKIRA 2025 WIBANZE KU GUTERA IBITI BIVANGWA N'IMYAKA



***Meya NIYOMWUNGERI mu Muganda Rusange usoza ukwezi k'Ukwakira 2025 i Mbazi***

Ku wa 25 Ukwakira 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Mbazi mu Muganda Rusange usoza ukwezi k'Ukwakira 2025, aho bateye ibiti bivangwa n'imyaka ku gasozi ka Karambi gaherereye mu Kagari ka Manwari.

Hatewe ibiti bigera ku 2500 ku buso bwa hegitari 6.



***Umuganda Rusange usoza ukwezi k'Ukwakira 2025 wibanze ku gutera ibiti bivangwa n'imyaka bigera ku 2500***

Nyuma y'Umuganda Rusange, Meya NIYOMWUNGERI yabanje gushimira abaturage b'Akagari ka Manwari bawitabiriye ari benshi.

By'umwihariko yashimiye urubyiruko narwo rwawitabiriye ari rwinshi.

Yaragize ati: "Mwakoze cyane abitabiriye uyu Muganda. Biragaragara ko muri benshi. Kuba kandi urubyiruko rwitabiriye uyu Muganda Rusange ari rwinshi, bigaragaza ko ibyo dukoze bizaramba. Niba umuntu ufite imyaka 18 ateye igiti, azarinda agira imyaka 60 agitera ibiti."




***Urubyiruko ruri mu bitabiriye ku bwinshi Umuganda Rusange usoza ukwezi k'Ukwakira 2025***

Yavuze kandi ko uyu Muganda wo gutera ibiti ari umwihariko Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho mu rwego rwo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere.

Yashimiye abaturage b'Akagari ka Manwari bateguye kare imyobo yo kubiteramo, bakanategura ifumbire yo kubiteza.

Yaragize ati: "Turabashimira ko mwateguye hakiri kare imyobo yo guteramo ibiti ndetse mukaba mwazanye ifumbire yo kubiteza. Turabasaba kubyitaho kugira ngo bizakure neza.

Yasoje abibutsa ko isuku no kwizigamira muri gahunda ya Ejo Heza bagomba kubigira umuco.

## ABAYOBOZI BITABIRIYE INAMA MPUZABIKORWA Y’AKARERE BASABWE KUGIRA ICYEREKEZO KIMWE



***Abayobozi batandukanye mu Karere bitabiriye inama Mpuzabikorwa y’Akarere***

Ku wa 27 Ukwakira 2025, mu Karere habaye inama Mpuzabikorwa y'Akarere yahurije hamwe abayobozi kuva ku Mudugudu kugera ku Karere.

Afungura iyi nama, Umuyobozi w’Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko iyi nama ari umuyoboro mwiza w'icyerekezo kimwe, icyerekezo kiganisha ku iterambere ry'umuturage.

Yavuze ko kugira ngo iri terambere rigerweho, abayobozi kuva ku Mudugudu bagomba kugira icyerekezo kimwe.

Yaragize ati: "Akarere kacu gashyize imbere gahunda ya ‘Nyamagabe Gira Wigire’ igamije gufasha abaturage kwivana mu bukene, umutekano n’isuku.

Imbaraga zashyizwe mu bukangurambaga bwa Ejo Heza, kongera umusaruro binyuze mu guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi no kongera ubuso buhingwaho imboga, zikoreshejwe no muri izi gahunda, haboneka umusaruro ushimishije".

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO wari Umushyitsi Mukuru muri iyi nama Mpuzabikorwa y'Akarere yavuze ko uyu ari umwanya mwiza ku bayobozi wo kwisuzuma.

Yaragize ati: "Uyu ni umwanya mwiza kuri twe abayobozi wo kwisuzuma, tukareba ibyo twagezeho n'ibyo tutagezeho ndetse n'imbogamizi zabayeho ubundi tukazivanaho. Hari byinshi mu Karere kacu twagezeho kandi mwese mubigizemo uruhare, rero n'ibyo tutarageraho dufatanye kubigeraho.

Muri iyi nama habayeho igikorwa cyo guhemba Imirenge yahize iyindi mu mihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 n’icyo gusinya iy'uwa 2025-2026.



***Perezida w’Inama Njyanama y’Akarere ashimira Umurenge wahize iyindi mu Mihigo y’Akarere ya 2024-2025***



***Meya NIYOMWUNGERI asinyana imihigo y’Akarere y’umwaka wa 2025-2026 n’Umurenge wa Buruhukiro***

# KAMEGERI- UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABATURAGE KURUSHAHO KWITA KU ISUKU



*Meya NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Murenge wa Kamegeri*

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Murenge wa Kamegeri, asaba abaturage bawo kurushaho kwita ku isuku.

Isuku ni kimwe mu byo Leta y'u Rwanda iri gushyiramo imbaraga muri iyi minsi kugira ngo Abanyarwanda barusheho kugira ubuzima bwiza.

Ni ku bw'iyo mpamvu, mu Nteko y'Abaturage yo ku wa 28 Ukwakira 2025 yabereye mu Kagari ka Rususa, mu Murenge wa Kamegeri, Umuyobozi w'Akarere, Bwana NIYOMWUNGERI yibukije abaturage b'aka Kagari kugira isuku umuco.

Yaragize ati: "Murasabwa kwita ku isuku yo ku mubiri, iyo ku myambaro, iy'aho murara no ku yo mu kanwa.

Murasabwa kandi kujya mufungura amadirishya y'ibyumba muraramo kuko nabyo biba bikeneye guhumeka."

Yabasabye kandi gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere, guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi mu rwego rwo kwihaza mu biribwa, kwizigamira muri gahunda ya Ejo Heza kugira ngo bazagire amasaziro meza no kwirinda ihohotera iryo ari ryo ryose.



*Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'Akagari ka Rususa-Kamegeri kwita ku isuku*

# ABASENATERI BAGENZUYE UKO AKARERE GASHYIRA MU BIKORWA INGAMBA ZO GUKUMIRA NO KURWANYA IMPANUKA ZO MU MUHANDA



***Abasenateri bagenzuye uko ingamba zafashwe zo gukumira no kurwanya impanuka zo mu muhanda zishyirwa mu bikorwa mu Karere***

Ku wa 29 Ukwakira 2025, Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yakiriye itsinda ry'Abasenateri bo muri Komisiyo ya Sena y’Ububanyi n’Amahanga, Ubutwererane n’Umutekano ryari riyobowe na Honorable MURANGWA Ndangiza Hadija.

Ryari rije mu bugenzuzi bugamije kureba uko ingamba zafashwe zo gukumira no kurwanya impanuka zo mu muhanda zishyirwa mu bikorwa.

Mu nama yahuje aba Basenateri n'Ubuyobozi bw'Akarere, Ubuyobozi bwa Polisi mu Karere, abahagarariye (Kompanyi zitwara abagenzi mu modoka, amashuri yigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga, Koperative itwara abagenzi kuri moto) mu Karere n'abandi, hagaragajwe ishusho y'uko izi ngamba zishyirwa mu bikorwa mu Karere.

Honorable MURANGWA yavuze ko kimwe mu byagaragaye nk'ibitera impanuka zo mu muhanda hirya no hino mu Gihugu, ari uko amashuri yigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga yirengagiza kwigisha isomo rijyanye n'imyitwarire yo mu muhanda ku batwara ibinyabiziga kandi ari ingenzi.

Nyuma y’ibi biganiro, abari muri iyi nama bose basuye hamwe mu hantu hazwi ko hateza impanuka (black spots) harimo ahazwi nko mu Dusego, mu Kagari ka Nyabivumu, mu Murenge Gasaka.



***Abasenateri basuye ahantu hazwi ko hateza impanuka (black spots)***

# ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'U RWANDA BAKOZE UBUKANGURAMBAGA KU ITEGEKO RIGENGA ABANTU N'UMURYANGO




***Abagize Inteko Ishinga Amategeko bo mu Mahuriro ya FFRP na RPRPD basuye Akarere***

Ku wa 31 Ukwakira 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yakiriye itsinda rya bamwe mu bagize Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP) n'Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko baharanira Imibereho Myiza y'Abaturage n'Itermabere (RPRPD).

Iri tsinda ryari riyobowe na Honorable Depite NTEZIMANA Jean Claude, ryari rije mu gikorwa cy'ubukangurambaga bwo kumenyekanisha Itegeko no 71/2024 ryo ku wa 26/06/2024 rigenga abantu n'umuryango hamwe n'ubukangurambaga mu rubyiruko ku kwitabira serivisi zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere no kwirinda inda zitateganyijwe.

Nyuma yo kugaragarizwa ibikorwa n'Akarere mu kumenyekanisha Itegeko rigenga abantu n'umuryango, iri tsinda ryasuye Isange One Stop Center mu Bitaro by'Akarere bya Kigeme n'ahatangirwa serivisi zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere mu Kigo Nderabuzima cya Kigeme.

Baganiriye kandi n'abahagarariye ibyiciro byihariye mu Murenge wa Gasaka.



***Abagize Inteko Ishinga Amategeko bo mu Mahuriro ya FFRP na RPRPD basuye serivisi ya Isange One Stop Center yo mu Bitaro by'Akarere bya Kigeme***

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**